بسم الله الرحمن الرحيم

# ISUKU MURI ISLAM "ATWAHAARAT"

Muri Islam, ijambo atwaharat risobanura isuku yo kwiyeza no kwitagasa wikuraho umwanda usanzwe ndetse na NAJISI.

**ATWAHARAT** (isuku):

Mu mategeko ya Islamu bivuga kwisukura wikiza imyanda y'amoko yose.

**AMOKO Y'ISUKU**

Muri Islam isuku igizwe n'ibice bibiri:

1- Isuku yo kwiyeza cyangwa kwiyuhagira wikuraho imyanda ituruka muri imwe mu nzira ebyiri (kwituma byoroshye n'ibikomeye).
Iyi suku ifite amoko atatu:
Kwikuraho imyanda ikomeye Kwikiza imyanda yoroshye ivanwaho no gutawaza Attayamamu (Kwisukuza itaka)
Kwikuraho imyanda ikomeye Iyi suku ikorwa ku mubiri igihe umuntu yiyuhagira kubera impamvu z'imihumano itatu ikurikira:

Guhumana (IJANABA): Ni uguhumana biterwa no Guhuza ibitsina (imibonano mpuzabitsina) hagati y'umugabo n'umugore, kwirotera, gusohokwamo amazi mvangingo (MANIY) bitewe no kwirotera, kwikinisha, gutekereza n'ibindi.

IMIHANGO: Kubagore cyangwa abakobwa ya buri kwezi..

IBISANZA: Kubagore babyaye cyangwa abakuyemo inda.

2- Kwikiza imyanda yoroshye ivanwaho no gutawaza Attayamamu (Kwisukuza itaka): Ni isuku isimbura izo zombi (Kwikuraho imyanda ikomeye no Kwikiza imyanda yoroshye ivanwaho no gutawaza). Ni isuku yo kwiyezaho imyanda, ibizinga ndetse na najisi. Iyi suku ikorwa ahantu hatatu ariho:

Kumubiri: Amoko yo gusukura kumubiri: Gutawaza (Al-wudhu'u) Kwiyuhagira (Al-ghusulu) Kwisukuza itaka (Tayamamu) Ku myambaro Ahantu hasengerwa n'aho utuye

## UMWANYA W'ISUKU MURI ISLAM

Isuku muri Islam ni itegeko (WAJIBU) kuri buri muislamu n'umuislamukazi igihe ahumanye cyangwa afite umwanda wo murwego rworoheje cyagwa rukomeye. Iryo tegeko rero tukaba turisanga muri QOR'ANI no mu migenzo (SUNNAT) y'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Muri Qor'ani,

Imana iragira iti:

" Yemwe abemeye, nimujya gusali (gusenga) muzakarabe mu buranga bwanyu n'amaboko yanyu kugeza mu nkokora, muhanagure ku mitwe yanyu, kandi mukarabe amaguru yanyu kugeza ku tubumbankore, kandi nimuba mwahumanye mujye mwisukura."

Qor'ani 5:6

Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

"Nta swala y'umwe murimwe yemerwa igihe atakaje isuku keretse abanje gutawaza."

Nanone Intumwa y'Imana Imana iyihe amahoro n'imigisha iti:

"Imana ntiyemera iswala y'uwo ariwe wese muri mwe igihe nta suku afite."

Ibi bimenyetso byose ni ubuhamya bwerekana ko umuislamu wese agomba gukora isuku yo kwikiza imyanda yoroheje n'ikomeye. Ibindi bimenyetso birebana n'isuku umuntu akora yikuraho umwanda wose ni ibi bikurikira:

Muri Qor'ani Imana iragira iti:

"N'imyambaro yawe ujye uyisukura."

Qor'ani 74:4

Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igihe kimwe yanyuze ku mva ebyiri ari kumwe n'abasangirangendo be, hanyuma arababwira ati:

"Mukuri aba babiri bari guhanwa kandi nta kintu gihambaye bazira, umwe muri bo ntiyajyaga yirinda ko inkari ze zimutarukira, naho undi we yarangwaga no kubunza amagambo."..

## IBIKORESHWA ISUKU MURI ISLAM

Abamenyi muri Fiq'h ya Islam bumvikanye ko ari ngombwa kwisukuza amazi, yabura bagakoresha igitaka cyangwa se impapuro, ibinonko n'ibindi. Amazi niyo y'ibanze mu gukora isuku, ayo mazi arimo ibice bitatu burigice kikagira ubwoko bwacyo ndetse n'amategeko akigenga.

IBICE BIGIZE AMAZI.

Amazi agizwe n'ibice bibiri:

Amazi asukuye: Ni amazi afite isuku kamere ubwayo nk'amazi y'imvura, inyanja, inzuzi, amasoko n'ibindi. Aya niyo mazi yemewe gukoreshwa mu kwisukura.

Imana iragira iti:

"Twamanuye amazi yo mu kirere asukuye."

Qor'ani 25:48

Nanone Imana iragira iti:

" Yanabamanuriye amazi mu kirere kugira ngo ayabasukuze".

Qor'an 8:11

Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iragira iti:

"Amazi asukuye ntakiyanduza". Amazi yanduye: Ni ayaguyemo umwanda agahindura ibara, impumuro cyangwa uburyohe bwayo. Aya mazi ntiyemerewe gukoreshwa mu kwisukura.

Icyitonderwa:

Amazi menshi nk'ay'inyanja n'atemba, iyo aguyemo umwanda(NADJISI) ariko ntatakaze kimwe muri ibi: ibara, uburyohe n'impumuro; ayo mazi nayo aba asukuye nk'uko intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibivuga igira iti: "Amazi menshi nta kiyanduza"

## AMATEGEKO AJYANYE N'AMACANDWE

Ikigamijwe aha ni ibyasigaye mu gikoresho umuntu yanyweshaga nk'inkonda, cyangwa mu kibumbiro cyanywerewemo n'inyamaswa n'amatungo.

## IBISIGAJWE N'ABANTU

Iyo umuntu anywesheje igikoresho, hakagira ibyo asigaza nk'amazi, ayo mazi asigaye aba afite isuku akaba ashobora no gukoreshwa mu kwisukura, kuko ibisigajwe n'umuntu wese biba bisukuye kabone n'ubwo yaba umukobwa uri mihango y'ukwezi cyangwa umugore mu bisanza.

Imvugo yakiriwe na AISHA umugore w'Intumwa y'Imana (Imana imwishimire) aragira ati: "Najyaga mfata icyo kunywa ndi mu mihango narangiza nkanywesha n'intumwa y'Imana Imana iyihe amahoro n'imigisha hanyuma nayo ikanywera aho nanywereye ntakibazo."

Naho ufite ijanaba (uwagize imibonano mpuzabitsina atariyuhagira), nawe ibyo asigaje nk'amazi biba bidukuye byanakoreshwa mu kwisukura. Mumvugo yakiriwe na ABU HURAYIRAT (Imana imwishimire) aragira ati:

"Nahuye n'Intumwa y'Imana mfite ijanaba, nanga kwicara mu cyicaro cye, nuko we arambwira ati: Subhanallah (Ubutagatifu ni ubw'Imana)! Umwemeramana ntajya yandura."

## IBISIGAJWE N'INYAMASWA ZIRIBWA

Inyamaswa ziribwa iyo zinywereye mu kibumbiro cyangwa mu kindi gikoreshwa n'abantu, amazi zisigaje aba asukuye yakoreshwa no mu kwisukura.

Naho inyamaswa zo mu rugo zitaribwa cyangwa iz'inkazi zo mu gasozi n'ibisiga bihigisha inzara, ibisigazwa byazo nabyo birasukuye.

Dushingiye kuri iyi mvugo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aho yabajijwe ibijyanye no kwisukuza amazi yasigajwe n'indogobe barayibwira bati: "Ese biremewe ko twakwisukuza amazi indogobe yasize?". Nawe arababwira ati: "Yego biremewe ndetse n'ayasizwe n'inyamaswa z'inkazi zo mugasozi."

No muyindi mvugo yakiriwe na KAB'SHAT umukobwa wa KAABU wari umugore wa ABI QATADAT igihe kimwe yamubonye arimo gutawadha nuko ABI QATADAT afata injangwe ayinywesha ku mazi kandi akirimo gutawadha, umugore biramutangaza maze umugabo aramubwira ati: Have witangara kubera ko numvise intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti: "Injangwe si NADJISI (umwanda), kuko ibana namwe, namwe mukabana nayo."

## IBISIGAZWA BY'INGURUBE N'IMBWA

Imbwa n'ingurube, urukonda rwabyo, uruhu, inyama n'ibyazo byose ni NADJISI (umwanda). Intumwa y'Imana (Imana amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: gusukura igikoresho cy'umwe muri mwe igihe imbwa yakirigasemo ni ukucyoza inshuro zirindwi (7), iya mbere muri zo agakoresha itaka". Yakiriwe na Ahmad na Muslim

## AMOKO YA NAJISI

Najisi ziri amoko menshi muriyo harimo icyipfishije, amaraso, ingurube n'ibyayo byose, ibirutsi, inkari, amazirantoki, MADHI'YI (amazi yererana arenduka ava mu gitsina igihe habayeho gutekereza ku mibonano mpuzabitsina) na WAD'I (amazi yererana aremereye ava mu gitsina nyuma yo kwihagarika), amase n'amaganga

by`inyamanswa zose zitaribwa, imbwa n'ibyayo byose, uruhu rw'icyapfuye rudakanwe, inzoga, n'ibindi

Icyitonderwa : Amaraso y'udukoko dufite amaraso adatemba nk'imbaragasa, isazi, n'imibu ntabwo ari najisi. Isamake n'isenene byipfishije ntabwo ari najisi umusilam yemerewe kugikoraho no kukirya ntacyo yishisha. Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iragira iti: "Twaziruriwe kurya ibyipfishije bibiri n'amaraso y'ubwoko bubiri, naho ibyipfishije bibiri ni isamake n'isenene, naho amaraso y'ubwoko bubiri ni umwijima n' Urwagashya".

Yakiriwe na Ahmad.

## IMYITWARIRE YO KWIHERERA

Ibikwiye mbere yo kwiherera: Gushaka ahiherereye, kure y'amaso y'abantu. Dushingiye kubyakiriwe y'uko intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yashakaga kwiherera yajyaga aho ntawe uyireba n'umwe. Kutinjirana icyanditseho ijambo ry'Imana, kuko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yambaraga impeta yanditseho Muhamadi ni Intumwa y'Imana iyo yinjiraga mu bwiherero yayikuragamo. Kubanza ukuguru kw'ibumoso mu gihe winjira mu bwiherero, ukavuga uti:

BISMILLAH, ALLAHUMMA INNI A-U-DHUBIKA MINAL KHUBTHI WAL KHABA-ITHI.

Bisobanura: Mbanje izina ry'Imana, Mana yanjye nkwikinzeho ngo undinde imyuka ihumanya ya gabo na gore (Amashitani yo mu musarane). Kuko intumwa y'Imana ari uko yabivugaga.

Kutazamura imyenda ye hejuru, kugeza igihe yicariye hasi kugirango ahishe ubwambure bwe ategetswe guhisha bw'itegeko (nk'uri ahatiherereye).

Kuterekera Qiblat (icyerekezo cya Al Kaaba) no kutayitera umugongo ighe yituma cyangwa yihagarika.

Dushingiye ku nyigisho y'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti:

"Ntimukerekere Qiblat cyangwa ngo muyitere umugongo mwituma cyangwa mwihagarika."

Kutituma cyangwa kutihagarika mu bwugamo bw'ibicucucucu by'abantu, mu mayira, mu mazi, no mu biti by'imbuto.

Dushingiye ku mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti:

"Mutinye imivumo itatu: Kwituma mu mariba, Kwituma hagati mu mayira no Kwituma mu bicucucucu". Kutavuga uri kwituma…"

nk'uko byemezwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti:

"Ubwo babiri bazaba biherera (bituma) buri umwe ajye yitarura mugenzi we kandi ntibakanaganire kuko Imana ibyanga".

**Ibikwiye mu kwisukuza amazi n'ibindi bitari yo.**

Kutisukuza (kutihehesha) igufa cyangwa igisheshe.

Dushingiye ku mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti: "Ntimukisukuze ibisheshe cyangwa amagufa, kuko ari ifunguro rya bagenzi banyu b'amajini."

Kimwe nk'uko bitemewe kwisukuza ibindi bifitiye akamaro abantu cyangwa ibyubahitse nk'ibiribwa, kuko konona ibifite inyungu no kuzihagarika ari ikizira.

Kutisukura ukoresheje ukuboko kw'iburyo cyangwa ngo ugufatishe igitsina cyawe, nkuko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibivuga igira iti:

"Umwe muri mwe ntazafate igitsina cye n'ukuboko kwe kw'iburyo arimo kwihagarika, ntazanaguhanaguze nyuma yo kwiherera (kwituma"(

Kurangiriza kwisukura ku nshuro y'igiharwe iyo wisukuje ibitari amazi.

Urugero: Kwisukuza amabuye atatu, umwanda utashiraho akisukuza atanu. Nk'uko tubisanga mu mvugo ya SALMAN igira iti:

"Intumwa y'Imana yatubujije kwerekera Kibla twiherera cyangwa twihagarika no kwisukuza ukuboko kw'iburyo cyangwa kwisukuza amabuye ari munsi y'atatu, cyangwa kwisukuza ibisheshe n'amagufa."

Iyo ukoresha amazi n'ibitari amazi, ubanza ibitari amazi, ugakurikizaho amazi, iyo ukoresheje kimwe muri byo kiremerwa, usibye ko amazi aruta byose.

Ibi bishimangirwa n'imvugo ya Aisha (Imana imwishimire) agira inama bagenzi be agira ati: "Mubwire abagabo banyu bajye bisukuza amazi, kubera ko jyewe mbagirira isoni, kuko Intumwa y'Imana ariko yabikoraga."

**Ibikwiye gukorwa nyuma yo kwituma**.

Kubanza ukuguru kw'iburyo igihe usohoka mu bwiherero nk'uko Intumwa y'Imana yabikoraga.

Kuvuga: GHUFRANAKA (Ku bw'impuhwe zawe Mana)

cyangwa se uti : ALHAMDU LILLAHI ALADHI ADH'HABA ANNI AL-ADHAA WA AFAANI (Ishimwe ni iry'Imana yo inkijije ibibi ikampa n'ubuzima bwiza)

cyangwa akavuga ati: ALHAMDU LILLAHI ALADHI AHSANA ILAYA FI AWALIHI WA AKHIRIHI (Ishimwe ni iry'Imana yo ingiriye neza mu ntangiriro n'iherezo.(

## ISUKU YO GUTAWAZA

Itegeko n'akamaro ko gutawadha.

Gutawaza ni itegeko ngombwa nkuko bishimangirwa na Qor'an n'imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Gutawaza ni ugukoresha amazi asukuye ku bice by'umubiri byihariye mu buryo bwategetswe.

Ibyo Imana ibivuga muri Qor'an igira iti:

" Yemwe abemeye igihe mugiye gusali mujye mukaraba mu buranga bwanyu n'amaboko yanyu kugera ku nkokora, munahanagure ku mitwe yanyu, munoze ibirenge byanyu kugeza ku tubumbankore."

Qor'an 5:6

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

"Nta swala y'umwe muri mwe yemerwa, iyo hari icyamubayeho cyonona isuku keretse abanje gutawaza."

**Akamaro k'isuku yo gutawaza**

Isuku yo gutawaza ifite uburemere mu idini, nkuko bigaragazwa n'imvugo y'intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti:

"Ese mbarangire ibyo Imana izahanaguza ibyaha byanyu ikanabazamura mu ntera? Barasubiza bati: yego! Arababwira ati: "Gutawaza mu bihe bigoranye, gutera intambwe nyinshi mugana imisigiti, no gutegereza iswala ku yindi, ibyo muzabizirikane mubishikameho".

Na none Intumwa y'Imana iti:

"Igihe umugaragu w'umwemera azatawaza agakaraba uburanga bwe, ahanagurwaho ibyaha byakozwe n'amaso ye kugeza ku gitonyanga cya nyuma, n'iyo yogeje amaboko ye, buri cyaha yakoresheje ayo maboko kivaho kugeza kugitonyanga cya nyuma kugeza ubwo asigara yera nta byaha afite."

**Ibitegetswe, imigereka (Sunnat) n'ibitari byiza mu gutawaza (Al Makruhu) Ibitegetswe:**

Imana iragira iti:

"Mujye mukaraba mu buranga bwanyu"

Kugira umugambi (Anniyat): Ni ukugambirira igikorwa cyo gutawaza ukurikiza itegeko ry'Imana, nk'uko Intumwa y'Imana(Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti:

"Mukuri ibikorwa bishingira ku migambi(Anniya)."

Gukaraba mu buranga uhereye hejuru y'uruhanga ukageza kumpera z'akananwa no guhera k'ugutwi ukageza k'ukundi ,nk'uko Imana ibivuga igira iti:

Qor'an 5:6

Gukaraba amaboko yombi kugeza mu nkokora. Guhanagura ku mutwe uturuka ku ruhanga ugana mu irugu. Gukaraba ibirenge byombi kugeza ku tubumbankore. Kubitondekanya uhera ku cya mbere nk'uko byavuzwe ukaraba mu maso, ugakurikizaho amaboko, ugahanagura ku mutwe,ugasozereza ku birenge. Gukurikiranya ibyo bice ubyungikanya ku buryo nta kindi gikorwa hagati yabyo, uretse akanya gato cyane kuko ntacyo gatwaye nk'igihe amazi yagushirana uri gushaka andi.

Icyitonderwa: Gutsirita umubiri ni byiza kuko byuzuza isuku yo gutawaza. Imigereka (Sunnat) yo gutawaza

Imigereka (Sunnat) yo gutawaza ni iyi ikurikira:

Gutangiza ijambo "BISMILLAHI RAHMANI RAHIM" (Ntangije izina ry'Imana Nyir'impuhwe Nyir'imbabazi). Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti: "Nta gutawaza kuzuye utabanje izina ry'Imana."

Gukaraba ibiganza byombi gatatu, mbere yo kubyinjiza mugikoresho utawarizamo igihe ukangutse, Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iragira iti: "Igihe umwe muri mwe akangutse, ntazakoze ibiganza bye mu gikoresho cy'amazi atabikarabye gatatu, kuko atazi aho amaboko ye yaraye."

Naho iyo atari aryamye akaba yizeye isuku y'ibiganza, ntakimubuza ku byinjiza mu gikoresho ngo abidahishe amazi.

Gukoresha umuswaki (koza mu kanwa), nkuko Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibigaragaza igira iti: "Iyo bitaba kugora ummat (abantu) yanjye, nari kubategeka gukoresha umuswaki (koza mu kanwa) kuri buri swala."

Kwiyunyuguza: ni ugushyira amazi mu kanwa nyuma ukayacira, nkuko Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibigaragaza igira iti: "Igihe uzatawaza, uziyunyuguze."

Gushoreza no gupfuna: Gushoreza ni ugukuruza amazi mu izuru naho Gupfuna ni ukuyagaruza izuru ukoresheje umwuka. Nk'uko bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti: "Uzashoreze ugeze kure amazi keretse igihe wasibye (Swawum)"

Gutsirima mu bwanwa: Ni ugushyira amazi mu bwanwa n'intoki ushaka ko agera ku mubiri, nk'uko bigaragazwa n'imvugo ya AMAR BUN YASER ubwo abantu bari batangajwe n'uko atsirima mu bwanwa bwe, arababwira ati: "Ni iki cyabimbuza kandi narabonye intumwa y'Imana itsirima ubwanwa bwayo itawaza."

Gukarabya buri rugingo gatatu gatatu, kuko itegeko ari inshuro imwe iyo ihagije, naho inshuro eshatu ni umugereka (SUNNA)

Guhanagura amatwi yombi imbere n'inyuma ukoresheje intoki ebyiri zitose.

Koza hagati y'intoki no mu mano, nkuko Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibivuga igira iti: "Igihe uzaba utawaza ujye woza mu myanya y'intoki zawe n'amano yawe."

Gutangirira iburyo igihe woza amaboko yombi n'amaguru, nkuko Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibivuga igira iti: "Igihe muzaba mutawaza muzahere iburyo bwanyu."

Nanone imvugo ya AISHA (Imana imwishimire) atubwira ko Intumwa y'Imana yahitagamo kubanza indyo mu kwambara inkweto, kugenda, kwisukura no mubye byose.

Kurenza aho utegetswe mu gutawaza, nko gukarabya uburanga ukageza ku mpande z'ijosi, no ku maboko yombi ukageza hejuru y'inkokora; naho kubirenge ni ugukaraba ukageza kuri ruseke, ibi bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ivuga: "Mukuri abantu banjye bazazuka ku munsi w'imperuka bererana babengerana, kubera ibisigisigi byo gutawaza, uzashobora muri mwe kongera urwererane rwe azabikore"

Kubanza guhanagura umutwe uhereye ku ruhanga ujyana inyuma mu irugu ugasubiza imbere aho watangiriye. Gusoma iduwa nyuma yo gutawaza uvuga uti:

ASHIHADU AN LA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, WA ASHIHADU ANA MUHAMADAN ABDUHU WA RASULUHU, ALLAHUMA JIALNI MINA TAWABINA WA JIALNI MINAL MUTATWAHIRINA

Bisobanuye:

Ndahamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa mu kuri usibye ALLAHU wenyine rukumbi, nta we ubangikanywa nawe, kandi ngahamya ko Muhamadi ari umugaragu wayo n'Intumwa yayo, Mana yanjye nshyira mu bicuza, unanshyire mu bisukura. Nkuko bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana igira iti:

"Uzatawaza, agatunganya isuku ye, nyuma akavuga ubusabe bwa nyuma yo gutawaza, azafungurirwa imiryango y'ijuru umunani, yinjire muwo yihitiyemo".

## IBITARI BYIZA MU GUTAWAZA

Ni ibi bikurikira:

Gutawariza ahari NADJISI (Umwanda), kuko watarukirwa na NADJISI.

Kurenza inshuro eshatu, nkuko Intumwa y'Imana yatawaje gatatu gatatu, iravuga iti: "Uzarenza azaba akosheje anahuguje."

Gusesagura amazi Kureka SUNNA (umugereka) mu gutawaza.

## IBYANGIZA ISUKU YO GUTAWAZA.

Igisohoka muri imwe mu nzira ebyiri imbere n'inyuma, nk'inkari, umusuzi, umurenda ubanziriza amasohora, umurenda uheruka inkari, cyangwa kwituma ibikomeye; ibi byose nibyo byitwa AL HADATHI (Ibiba ku muntu isuku yo gutawaza kwe ikangirika). Nk'uko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ibigaragaza aho ivuga iti:

"Ntabwo Imana yemera iswala y'umwe muri mwe igihe hari icyangiza isuku kimubayeho"

Ibitotsi bikomeye Gutakaza ubwenge bitewe no kuzimira, gusinda no gusara.

Gukora ku gitsina no mu kibuno ukoresheje mu kiganza n'intoki ntakibikingirije.

Nk'uko bigaragazwa n'imvugo y'intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho igira iti:

"Uzakora ku gitsina cye, ntazasali adatawaje"

Kuba MURTADI (kuva mu idini ya Islam):

nko kuvuga ijambo ry'ubuhakanyi, kuko byangiza isuku yo gutawaza, rikanonona ibikorwa bye byose by'imisengere, nkuko Imana ibishimangira igira iti:

"Uramutse ubangikanyije Imana bizangiza ibikorwa byawe"

Qor'ani 39:65

Kurya inyama y'ingamiya:

nkuko bigaragazwa n'imvugo y'umwe mu basangirangendo wabajijie intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ati:

"Ese tuzatawaze kubera inyama y'ihene n'intama?" Aramusubiza ati: "Nubishaka uzatawaze", arongera ati: "Ese tuzatawaze kubera kurya inyama y'ingamiya?" aramusubiza ati: "Yego" Gukora ku mugore ukamwifuza.

## KUVUGURURA ISUKU YO GUTAWAZA

Biba byiza kuvugurura isuku yo gutawaza kuri buri swala: K'ufite ikibazo cyo kwihagarika no gusuragura buri kanya. Uwarengeje iminsi ye yo kuva mu mihango. Ni byiza kuri we gutawaza kuri buri Swalat iyo atabonye amaraso kuri iyo swala kuko iyo ayabonye aba ari itegeko kuri we. Uwogeje uwapfuye cyangwa akamukoraho amuterura, nk'uko intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yabivuze igira iti:

"Uzoza uwapfuye aziyuhagire, n'uzamuterura azatawaze."

## GUSHIDIKANYA KU ISUKU YO GUTAWAZA

Uwizeye isuku ye agashidikanya kukwangirika kwayo, yubakira kucyizere cy'isuku yari afite, naho uwizeye ko nta suku afite agashidikanya ko yayikoze, ashingira ku cyizere cye cyo kuba atayifite agatawaza.

Icyitonderwa : Ni byiza cyane ko umuyislamu ahorana isuku yo gutawaza ariko akayivugurura kuri buri Swalat, uretse ko binemewe gusali ku isuku yari afite atongeye gutawaza, mu gihe ntacyayangije.

## UKWIYUHAGIRA

Ukwiyuhagira ni isuku yavuzwe muri Qor'ani na Sunnat (imigenzo y'Intumwa y'Imana). Imana iragira iti:

"Nimuba mwahumanye (IJANABA), mujye mwisukura"

Qor'ani 5:6

Na none iti:

" Kandi ntimuzegere Iswala mwahumanye (IJANABA) mutabanje kwiyuhagira, keretse k'uwihitira mu musigiti"

Qor'ani 4:43

Icyitonderwa:

Kunyura mu musigiti ku muntu ufite Ijanaba afite icyo ahashaka biremewe mu gihe atagiye kwicaramo. No mu mvugo z'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) zigaragaza kwiyuhagira yaragize iti:

"Iyo igitsina gihuye n'ikindi, kwiyuhagira biba bibaye ngombwa."

## IMPAMVU ZITUMA KWIYUHAGIRA BIBA ITEGEKO

IJANABA:

ikaba igizwe : Ni igihe habayeho igikorwa cyo guhuza ibitsina hagati y'umugabo n'umugore n'iyo hatabaho gusohora. Gusohokwamo na MANIY (amasohoro) wumva uburyohe waba usinziriye cyangwa uri maso, ku mugabo cyangwa ku mugore. Kuva mu mihango y'ukwezi (HEDHI) cyangwa mu bisanza (NIFASI)

nk'uko Imana ibivuga igira iti:

" Ntimugakorane imibonano n'abagore banyu bari mu mihango kugeza igihe bagiriye isuku, nibamara kwisukura muzabonane nabo uko Imana yabibategetse."

Qor'ani 2:222

Kwinjira muri Islam:

Uwinjiye muri Islam, ni ngombwa kuri we kwiyuhagira. Kuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse THAMAMA AL HANAFI kwiyuhagira ubwo yari amaze kuba umuyislamu.

Gupfa:

Iyo umuyislamu apfuye, ni ngombwa kumwuhagira nk'uko intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse kuhagira umukobwa we ZAINABU ubwo yari yitabye Imana.

**Kwiyuhagira by'umugereka (SUNNAT)**

Kwiyuhagira biba suna mubihe bikurikira : Kubera Iswala y'idjuma (kuwa gatanu), nkuko Intumwa y'Imana ibivuga igira iti:

"Kwiyuhagira ku idjuma, ni ngombwa kuri buri muntu wese ukuze"

IHRAM (Gutangira imigenzo ya cyangwa Umra:(

Ni SUNNA kugiye gukora imigenzo ya na Umra kwiyuhagira, nkuko Intumwa y'Imana yabikoze ikanabitegeka. Kwinjira i Makka, no gukora igihagararo cya ARAFAT. Nyuma yo kuhagira uwapfuye: Uwogeje uwapfuye, ni byiza kuri we ko yiyuhagira.

**IBITEGETSWE, IMIGEREKA (SUNNA), N'IBITARI BYIZA MU KWIYUHAGIRA**.

Ibitegetswe mu kwiyuhagira ni ibi bikurikira: Kugambirira (NIYA): Ni ukugira umugambi wo kwisukura ukuraho uguhumana wiyuhagira. Nkuko Intumwa

y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti: "Mukuri, ibikorwa bishingira ku migambi, kandi buri wese azahemberwa ibyo yagambiriye."

Gukwiza amazi umubiri wose utsirita ahashoboka. Gutsirima hagati y'intoki no mu musatsi, ugenzura ko amazi yageze ahantu hose n'ahihishe nko ku mukondo n'ahandi.

Imigereka (Sunna) mu kwiyuhagira ni iyi ikurikira: Kubanza BISMILLAHI RAHMANI RAHIMI, kuko ari ngombwa kuri buri gikorwa giteguwe. Gukaraba ibiganza byombi mbere yo kubyinjiza mu mazi. Kubanza gusukura ahari umwanda (Gustanji). Kubanza gukora isuku yo gutawaza mbere yo kwiyuhagira umubiri wose. Ibitari byiza mu kwiyuhagira ni ibi: Gusesagura amazi. Kwiyuhagirira ahari NADJISI (Umwanda), kuko watarukirwa nayo. Kwiyuhagirira ahagaragarira buri wese. Kogera mu kidendezi (amazi adatemba), nkuko Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabibujije igira iti:"Umwe muri mwe ntaziyuhagire mu mazi adatemba igihe azaba afite ijanaba (yahumanye."(

## UBURYO BIYUHAGIRA

Uburyo bwo kwiyuhagira, ni:

Gutangiza ijambo BISMILLAHI RAHMANI RAHIMI, ugambiriye kwiyuhagira wikuraho Ijanaba. Gukaraba ibiganza byombi inshuro eshatu. Gusitanji, wisukura imbere n'inyuma n'ahahakikije, Gutawaza nk'ugiye gusali.

Gushyira amazi mu mutwe ugatsirima mu misatsi n'amatwi yombi ukabikora inshuro eshatu. Kwisukaho amazi uhereye ku ruhande rw'iburyo, uhereye hejuru ugana hasi, nyuma ukabikora n'ibumoso, ukwiza amazi n'ahatagaragara nko ku mukondo, munsi y'amaha, n'ahandi

## IBIZIRIRIJWE K'UFITE IJANABA

Ufite ijanaba aziririjwe ibikurikira:

Gusoma Qor'ani

, nkuko bishimangirwa n'imvugo ya ALLY igira iti:

Intumwa y'Imana Muhamadi, (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga idusomesha Qor'an mubihe byose uretse igihe yabaga afite ijanaba.

Yakiriwe na NASAIY.

Kwinjira mu misigiti keretse kunyuramo k'umuntu waburaniwe. Gusali, yaba iswala y'itegeko cyangwa iy'umugereka (Sunna),

Imana igira iti:

"Ntimuzegere iswala mwasinze kugeza igihe musobanukiwe ibyo muvuga, n'igihe mufite Ijanaba keretse mubanje kwiyuhagira, uretse uwihitira mu musigiti"

Qor'ani 4:43

Gukora kuri Qor'ani ntagatifu,

n'ubwo waba ukoresha umukusi (ni agati kifashishwaga mu gusoma Qor'ani) nk'uko tubisanga muri Qor`an aho Imana igira iti:

" Muby'ukuri yo ni Qor'ani ntagatifu, iri mu gitabo kirinzwe, ntawe ugikoraho usibye abasukuye"

Qor'ani 56:77-79

Intumwa y'Imana Muhamadi, (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nayo iragira iti:

"Ntugakore kuri Qor'ani udafite isuku."

## GUTAYAMAMU

Gutayamamu ni uburyo bwo kwisukura hakoreshejwe igitaka gisukuye, busimbura amazi iyo yabuze cyangwa habayeho impamvu zibuza kuyakoresha nk'uburwayi n'izindi. Umwanya TAYAMAMU ifite mu idini

TAYAMAMU ni itegeko riri muri Qor'ani na Sunna, ryubahirizwa igihe amazi yabuze cyangwa habayeho izindi mpamvu zitemerera umuntu kuyakoresha nk'uburwayi n'izindi. Nkuko bishimangirwa n'amagambo y'Imana muri Qor'an igira iti:

" Nimuba mwarwaye cyangwa muri ku rugendo, cyangwa umwe muri mwe yitumye, cyangwa mwabonanye n'abagore banyu, ntimubone amazi, mujye mutayamamu igitaka gisukuye, muhanagure uburanga bwanyu n'amaboko yanyu."

Qor'ani 4:43

Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nayo iragira iti:

"Igitaka gisukura umuislamu, n'iyo atabona amazi imyaka icumi."

**Ninde wemerewe gutayamamu?**

Gutayamamu byemewe k'utabonye amazi nyuma yo kuyashaka bitagoye kurenza uko ashakwa, cyangwa akaba yayabonye, ntabashe kuyakoresha ku mpamvu z'uburwayi cyangwa atinya ukwiyongera ku burwayi aramutse ayakoresheje, cyangwa bitinza gukira kwe, cyangwa adashobora kwinyagambura nk'imbohe, ntabone n'uyamugezaho, cyangwa atinya ingaruka yahura nazo mu gihe cyo kujya kuyashaka. Naho uwabonye amazi make adahagije isuku ye, icyo gihe atawaza ingingo zimwe kugeza aho arangiriye, akanatayamamu bisanzwe.

Imana iragira riti:

"Mutinye Imana uko mubishoboye"

Qor'ani 64:16

**Icyitonderwa**:

Iyo amazi ari make adahagije ingingo zose uyatawaza uhereye ku ngingo zitegetswe by'itegeko. Urugero: gukaraba mu buranga inshuro imwe gusa.

Gutayamamu by'itegeko n'iby'umugereka (Sunna) Ibitegetswe mu gutayamamu ni ibi bikurikira: Kubigambirira: Ni ukugambirira gutayamamu kugirango ukore ibyo utari wemerewe gukora utarabona isuku, nk'iswala n'ibindi. Kuba hari igitaka gisukuye (kitarimo Najisi)

. Nk'uko Imana ibivuga igira iti:

"Mutayamamu igitaka gisukuye."

Qor'an 4:43

Gukubita ibiganza hasi inshuro imwe ku gitaka.

Guhanagura uburanga n'ibiganza byombi.

Ibi bishimangirwa n'imvugo y'Imana muri Qor'an igira iti:

"Muhanagure uburanga bwanyu n'amaboko yanyu."

Qor'an 4:43

**Imigereka (Sunna) yo Gutayamamu**

Kubanza kuvuga BISMILLAHI RAHMANI RAHIM Gukubita ibiganza hasi bwa kabiri, Kuko inshuro ya mbere ari itegeko kandi ikaba ihagije naho iya kabiri ikaba umugereka (Sunna). Guhanagura amaboko yombi, n'ubwo guhanagura ibiganza byonyine biba bihagije. Ibyangiza isuku yo gutayamamu n'ibiziruwe k'uwayikoze

Isuku ya tayamamu yangizwa n'ibintu bibiri: Buri cyose cyangiza isuku yo gutawaza. Kuboneka kw'amazi mbere yo kwinjira mu iswala, cyangwa ari mu iswala, naho iyo yamaze gusali iswala iba yemewe ntabwo ayisubiramo n'iyo

yabona amazi, nkuko Intumwa y'Imana Muhamadi, (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti: "Ntimugasari iswala imwe inshuro ebyiri ku munsi"

**Ibiziruwe k'uwakoze tayamamu**

Ufite isuku ya tayamamu aziruriwe icyo aricyo cyose yari abujijwe nta suku, nk'iswala, umutambagiro (), gukora kuri Qor'ani no kuyisoma, no kwicara mu musigiti.

**Icyitonderwa**: Tayamamu imwe ikoreshwa ku iswala imwe gusa n'iswala za Sunna zijyanye nayo. Ibikoreshwa isuku ya tayamamu ni igitaka, umucanga, amabuye n'ibindi byose biriho umukungugu.

Guhanagura Khufayni, ibipfuko n'amasogisi Khufayni ni ibijya kuba nk'amasogisi bikozwe mu ruhu cyangwa mu bindi, byambarwa mu birenge kubera impamvu nk'ubukonje. Itegeko rijyanye no guhanagura Khufayni, ibipfuko n'amasogisi, rishimangirwa n'Imigenzo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Kubirebana n'ibipfuko, bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana, igihe hari uwakomeretse atawaza umutwe we bimuviramo gupfa, Intumwa y'Imana imubonye iravuga iti: "Byari bimuhagije gutayamamu, agapfuka igikomere cye, akagihanagura agakaraba ahasigaye."

Ibyo uhanagura kuri KHUFAYNI asabwa: Ni ngombwa k'uhanagura Khofu n'ibindi nkayo kubahiriza ibi bikurikira: Kuba yazambaye afite isuku yo gutawaza Kuba zitwikiriye ahagomba gutawazwa kuburyo umubiri utagaragara. Kuba zikomeye zifite umubyimba utagaragaza umubiri. Igihe cyo guhanagura, ntikirenza umunsi umwe n'ijoro ryawo ku muntu utuye, naho uri ku rugendo, ntarenza iminsi itatu n'amajoro yayo. Kutazivanamo nyuma yo kuzihanagura, kuko iyo azikuyemo, iyo suku irangirika agategekwa gukaraba ibirenge bye.

Ku birebana n'ibipfuko, kubihanagura hasabwa ibikurikira:

Kutarenga ahari uburwayi n'ahifashishwa mu gupfuka Kudapfukura aho kiri Kuba igisebe kitarakira, kuko iyo gikize cyangwa igipfuko kikavaho, iyo suku irangirika bikaba itegeko kuhakaraba. Icyitonderwa: Gushyiraho ibipfuko, ntibisaba kuba ufite isuku mbere yo gupfuka, nta n'igihe runaka giteganyijwe.

Biremewe guhanagura ku kiremba (igitambaro abagabo bambara mu mutwe) kubera imbeho cyangwa urugendo, ariko uhanagura agomba kubanza kukigiza inyuma agahanagura ku ruhanga rw'imbere maze akuzurisha guhanagura ku kiremba. Guhanagura kubyavuzwe, abagore n'abagabo babihuriyeho.

**Uburyo bwo guhanagura**

Utosa ibiganza byombi, ugashyira ikiganza cy'iburyo hejuru y'ikirenge uhereye ku mano, icy'imoso ukagishyira ku gatsinsino k'iburyo, icy'indyo ukagihanaguza uva ku mano ugana kuri ruseke, naho icy'ibumoso ukagihanaguza munsi uva ku gatsinsino ujya ku mano. Kandi n'iyo yahanagura hejuru gusa, nabyo biremewe, nk'uko imvugo ya ALLY mwene ABI TWALIBI, Imana imwishimire agira ati: "Iyo idini iza kuba ishingiye ku bitekerezo, guhanagura munsi ya Khofayni byari kuba iby'ibanze kurusha guhanagura hejuru yazo" Naho kubipfuko, utosa ikiganza, ukagihanaguza ku gipfuko cyose inshuro imwe.

.